

**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAMU JEANNETTE KAGAME MU
IHURIRO RYA 14 NO KWIZIHIZA ISABUKURU Y'IMYAKA 25 YA UNITY
CLUB INTWARARUMURI**

Intare Conference Arena, Ku wa 16 Ukwakira 2021

Ba Nyakubahwa Bayobozi mu nzego nkuru z'Igihugu cyacu,

Batumirwa bacu bahire,

Abarinzi b'Igihango,

Rubyiruko bana bacu,

Bavandimwe Ntwararumuri,

Muraho neza!

Ikaze mu ihuriro ryacu ry'uyu mwaka, no mu birori byo kwizihiza isabukuru y'imyaka makumyabiri n'itanu (25), Umuryango Unity Club umaze! Iyi sabukuru yahatse byinshi mu mateka yacu.

Twambaye impumbya, dufatira iry'iburyo abavunyi bacu, batugaruriye u Rwanda, rwongera kuba u rwa Kanyarwanda.

Hari ubwo umuntu abura aho ahera ! Ukibaza uti : « Mvuge iki ndeke iki? ».

Munyemerere rero dufatanye iyi nganzo:

Isabukuru nziza kuri mwese,

Kuko twagendanye uru rugendo,

Dutwaye urumuri rw'ubumwe,

Ubumwe bwacu buruta byose.

Twishimiye rero kubakira

Mu byishimo by'uyu munsu,

Twizihiza Makumyabiri n'itanu(25).

Makumyabiri n'itanu(25) yahereye kuri umwe

Abacu bamaze ibiri isaga

Muri Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda !

Umuntu yibaza uko tuzabana

Ukibaza uko tuzaturana

Ukibaza n'uko tuzakorana

Abacu bikoreye ibivuna u Rwanda

Nabo batorohewe kuko ari abantu

Dore ko byose byihutirwaga.

Umunsi watumye dutera intambwe,

Kuko twasanze intwari ari imwe

Yadufasha komora ibyo bikomere.

Ubumwe buhereye iwacu

Ntibyagorana nokubwumva.

Makumyabiri n'itanu (25) yahereye kuri umwe,

Twiyemeza umwihariko wacu

Ko winjirira muri Cabinet

Izi zikaba inshingano zigira igihe

Ariko kuba Intwarumuri

Bikaba umwihariko udacyura igihe.

Imyaka itanu (5) yakurikiyeho

*Twimakaje **ukuri kudakuka***

Inkingi twubakiyeho ubumwe bwacu.

Imyaka icumi(10) na cumi n'itanu (15).

*Twahamije **Ndi Umunyarwanda Nk' icyomoro n'igihango.***

Kwitwa Intwararumuri kandi

*Bigasaba kuba **"Abarinzi b'Igihango" ba mbere !***

Naho makumyabiri (20) ifunze

Ibumbatira ubumwe bwacu,

*Itwibutsa ko “**Ubunyarwanda, ari ikirezi twambaye twese**”.*

Makumyabiri n’itanu (25) yo rero twizihiza none

Nishimangire kandi idatinya:

*Maze ihamye **Ndi Umunyarwanda, Igitekerezo- ngenga cy’Ukubaho kwacu!***

Isabukuru nziza!

Batumirwa bacu,

Iyo tuvuga Ubunyarwanda nk’Indangamuntu yacu twese, ni ngombwa kwibuka iteka inkingi zikomeye twubakiraho igihugu cyacu.

Abahanga bavuga ko leta (A state) igizwe n’ inkingi enye (4) z’ingenzi: Abaturage (Population), Ubuso n’Ubutaka (Territory), Guverinoma (Government), ndetse n’Ubusugire bwayo (Sovereignty).

Naho Igihugu (A nation), kikaba itsinda ry’abantu, bahunjwe n’ubumwe ndetse babukomeyeho.

- ❖ Iyo ubihuje byombi rero, wumva U Rwanda rw'Abanyarwanda batuye mu mpande zose, ariko baturira ku bumwe n'Ubunyarwanda.
- ❖ Ubona kandi igihugu cyiza, gifite ubwisanzure mu buto bwacyo, kuko « ***aho umwaga utari urukwavu rwisasira batanu*** ». Ubona igihugu cy'Abanyarwanda, baharanira kugarura agaciro kabo n'igihugu cyabo, kuko inkomoko yacu, amateka n'indangagaciro zituranga bifite isooko muri ubu butaka tureba, dutuye
- ❖ Ubusugire bw'igihugu icyo ari cyo cyose, bugiha uburenganzira bwo kugena imitegekere n'imiyoborere yacyo, bitabaye ibyo, isomory'uburenganzira bwa muntu, ryaba rimuhohoteye.
- ❖ Ubona kandi umutima w'u Rwanda wanze gupfa, iyo uhujwe n'ubuyobozi bushyira umuturage ku isonga (Citizen-Centered Leadership), ibisubizo biboneka ari byinshi kandi biramba.

Ntwararumuri Bavandimwe,

Bayobozi mu nzego zose,

Batumirwa bacu,

Amateka azahamya ko muri iyi myaka tumaze, twashyigikiye icyerekezo cya Leta yacu, duhangana n'ibyago hamwe n'ingaruka zabyo, ntawe usigaye inyuma.

Mwabonye ko Covid-19 yaje itunguranye, itwara ubuzima bw'abantu, itera ihungabana ry'abantu n'ibintu muri rusange. Ariko byatweretse ko turi umuryango udaheranwa.

Ubumwe bwacu bwadufashije guhangana n'iki cyorezo, rimwe na rimwe no gufata ibyemezo bikomeye, bigira n'ingaruka ku mibereho isanzwe, ariko icyari kigamijwe ni ukubungabunga ubuzima bw'Abanyarwanda, abarutuye n'abatugenderera.

Rubyiruko,

Hambere aha k'umunsi mpuzamahanga w'abageze mu za bukuru, umwanditsi yashyize hamwe ibimenyetso biranga umuntu akuze.

Bimwe bigaragaza ko imbaraga zigenda zigabanuka, n'ibindi bidateye morare 'morale' ku munsi nk'uyu w'ibyishimo.

Aha ndahitamo ibyo mbasangiza, kubera ko n'Imfura za Unity Club zifite imyaka 25 gusa !

Ngenekereje mu Kinyarwanda yagize ati, amaso areba usheshe akanguhe, abona ko gutera ingasire (javelot), ari nko kwinjiza inzovu mu rushinge. Nyamara n'ubwo ariko bigaragara, abakuze nitwe rukumbi twamenya ibanga ritera ingasire kure, kubera ubunararibonye twibitsemu kandi tumaze guhamya.

Ubwo bunararibonye budushoboza gushishoza (discerner/to discern) guteganya no kureba kure (*prévoir* | to foresee) no kujya inama (conseiller/to advise).

Ubwo rero tugomba no gukomeza gufasha uru rubyiruko gusobanukirwa ko ibyo bakora natwe twabikora ariko ibyo twakora batabasha kubikora gutyo gusa cyangwa se ko byavuna, hari ingero ebyiri natanga.

Urubyiruko turi kumwe uyu munsi, ese mwari muzi ko:

- Mu gihe cyashize, abenshi bakoze bahembwa imyaka gusa.
- Bazi ko abasirikare bacu baturinze imyaka 2 badahembwa barwana intambara z'urudaca bamwe zinabafatira ibyemezo ariko bakomeza guharanira ko tubaho.

Ibi byose, nagira ngo mumenye ko iterambere ryacu n'ibi byose tureba byavunanye cyane.

Abanyamuryango baranivuguruye. No kuri social media ntabwo twahejwe.

Ubwo turi mu iterambere ritagira umupaka, twifuza kubaha impamba y'amahame yabafasha iteka gukora ikinyuranyo.

- Igihugu gishobora kwivana mu makimbirane kandi kigatera imbere (Conflict transformation).

- Amahame agenderwaho (Theories) ku isi ashoboka iyo twitaye ku mwihariko w'ibibazo bihari (context), hanyuma hagashyirwaho ingamba zirambye kandi zibereye abenegihugu.
- Ibisubizo twishatsemo (Home-grown solutions) twasanze bidufasha gukemura ibibazo ku buryo burambye. Twafata urugero : Mu gihugu cyabayemo Jenocide cyangwa amakimbirane, komora ibikomere bishoboka, kandi bigendera ku mwihariko w'icyo gihugu.
- Nta gihugu cyabereyeho gukomeza kuba mu bukene. Guhera kuri bike dufite, tukagera kuri byinshi birashoboka kandi n'abatujora niho batangiriye.
- Ihame ry'uburenganzira bwa muntu ryumvikana neza iyo rimuhereyeho kuko uko rigenwa n'undi hari ubwo bidahura kuko umuco, imibereho ndetse n'imiyoborere itandukana. Ibi bikaba ari byo shingiro ry'uburenganzira bwa muntu (The power of human rights).
- Kubaka igihugu gikomeye cyita ku baturage, kikagira ubusugire bwacyo bisaba kugira "intekerezo zihamye, ziramba kandi ziherekanywa" (Clear generational ideology).
- Urugendo rwo kubaka u Rwanda rwatangijwe n'urubyiruko, ubuahanini urubyiruko ruri mu nzego zose z'ubuzima bw'igihugu.

- Ntawe uba muto ku buryo atafata inshingano yo kwita ku gihugu cye. «**Bato batari gito**», n’ «**Abarinzi b’igihango**» twigiraho uyu muni, bakoze ibikorwa by’indashyikirwa, nabo bigeze kuba bato nkamwe. Bari bafite inzozu n’icyerekezo, ariko ntibirengagije igihango cyacu.

Bafatanyabikorwa,

Ibyo twagezeho ntitwari kubyishobozwa twenyine, abanyamuryango bagenzi banjye bamfashe tubashimire, kuko muduhora hafi muri uru rugendo. Dukomezanye rero, urugendo rw’imyaka 25 yindi igendana n’icyerekezo cy’u Rwanda 2050.

Uyu muni kandi tunejewe no gutanga ishimwe ry’ubumwe “**Unity Award**”, rihabwa Abarinzi b’Igihango 7, basanga 40 b’imyaka yashize.

Mumfashe tubashimire!

Ubutwari n’ibikorwa byanyu ni ikimenyetso gihamya ko no mu bihe bikomeye, umuntu nyamuntu ahitamo ineza.

Ntwararumuri, banyamuryango,

Kwizihiza neza isabukuru y’imyaka makumyabiri n’itanu (25) ni ukubakira ku masomo y’aho tuvuye, tukubaka makumyabiri n’itanu (25) izaza, maze abato bakigira ku bigwi byiza by’u Rwanda; kwihesha agaciro, kugira ubumuntu, no kureba kure - ishingiro ryo gukomeza no kurushaho.

Ibigwi by'imyaka dusoje ntibizatume tuba nka wa mugani ngo 'kera habayeho". Kwizihiza isabukuru neza ni ukubakira ku byo twagezeho, maze abazadukurikira bakagira amasomo meza bavuga bahereyeho, imihigo yabo y'icyo gihe, n'icyerekezo bahiga kizakomeza u Rwanda.

Mbifuriye ibiganiro byiza, kandi mboneyeh gutangiza ihuriro ngarukamwaka rya 14 ry'umuryango Unity Club, no kubifuriza isabukuru nziza!

Murakoze, Mugire umunsi mwiza!